INSTITUT D'ENSEIGNEMENT SUPÉRIEUR DE RUHENGERI
B.P. 155, Ruhengeri, Rwanda
T : +250 788 90 30 30, +250 788 90 30 32, W : www.ines.ac.rw, E : inesruhengeri@yahoo.fr

ITANGAZO

Kuri uyu wa kane tariki ya 30 Kamena 2016, Inama Nshingwabikorwa ya INES-RUHENGERI yateranye.
Dore ibyemezo by'ingenzi yafashe :

1) Inama Nshingwabikorwa yasuzumye uko isozwa rw'umwaka w'amasomo 2015-2016 rihagaze isanga muri rusange ibintu bimeze neza, Porogaramu hafi ya zose ziri gusoza amasomo.

2) Hibukijwe ko Stage/Internship ari isomo mu yandi ; ko rero ritagomba guhushurwa ku mpamvu iyo ari yo yose.
Hibukijwe kandi ko imigendekere myiza ya stage ishinzwe Department. Bityo nta munyeshuri wihitiramo wenyine aho akorera stage n'uko ayikora ubuyobozi bwa Department butabyemeye.
Buri munyeshuri afite ubwisanzure bwo gukorera stage aho ashaka hahuye n'ibyo yiga kandi hajyanye n'urwego agezeho mu myigire ye (level) cyane cyane iyo hari Urugaga rw'Abanyamwuga (Professional Council) rwabitanzeho amabwiriza. Nyamara umunyeshuri uzajya ahitamo gukorera stage ku kigo kiri ahantu haruhije kugera ku buryo bisaba ko umwarimu uje kumusura akoresha amafaranga arenga ibihumbi icumi by'urugendo azajya yishyura arenga ku bihumbi icumi.

3) Hibukijwe ko ku bijyanye n'imyigire n'imyigishirize muri INES-RUHENGERI abakozi n'abanyeshuri bagomba gukurikiza ibyo icyerekezo cy'Ishuri ry'Ubumenyi Ngiro (Institute of Applied Sciences) giteganya. Bityo hibukijwe ko ku masomo yose aba yarateganyirijwe imikorongiro muri laboratwari bigomba kubahirizwa n'abanyeshuri n'abarimu ndetse n'abakozi bo muri laboratwari.

4) Hemejwe ko ku banyeshuri bo mu Ishami ry'Uburezi bagiye kujya bakora internship mu mwaka wa nyuma wose batazishyuzwa amafaranga y'ishuri yose y'uwo mwaka. Inzego zibishinzwe zizategura amafaranga bazariha ajyanye na serivisi bazajya bahabwa. Umubare ukazatangazwa bimaze kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha.

5) Hemejwe ko aho internet itagera neza ikibazo kigomba gukemuka vuba kugira ngo ikoreshwe ku bari muri INES bose.

6) Hemejwe ko Ikinyamakuru cya INES-RUHENGERI (INES Scientific Journal) gikomeza gusohokamo inyandiko n'ubushakashatsi biri ku rwego rushimishije. Bityo kugira ngo haboneke uburyo bwo kubanza gukosora inyandiko zitangazwa hifashishijwe ababifitemo ubumenyi n'ubushobozi bo muri INES ndetse n'abo hanze, buri mwanditsi ushaka gutangazamo inyandiko azajya yishyura amadorali y'amanyamerika mirongo itanu (50 USD) kuri buri nyandiko.

7) Hibukijwe ko ku banyeshuri bagabanyirijwe imyaka bari kuzigamo bakiga 'credits 160 ku mwaka' amafaranga y'ishuri yishyurwa mu byiciro bine nk'uko byateganyijwe.

8) Hemejwe ko servisi zishinzwe imari zikora urutonde rw'abanyeshuri bose batarishyura kugira ngo higwe uburyo bishyuzwa.

9) Hemejwe ko ba HoDs bakora urutonde rw'abanyeshuri bose bize bafite « Retake » muri uyu mwaka wa 2015-2016 kugira ngo abashinzwe imari bagenzure ko bishyuye amasomo basubiyemo.

10) Hemejwe hongera gukorwa imbonerahamwe igaragaza uko amafaranga y'ishuri azishyurwa muri buri porogaramu na buri rwego mu mwaka w'amashuri 2016-2017.

11) Hemejwe ko hatangira ku buryo bwimbitse igikorwa cyo guhamagarira abantu kwiga muri INES-RUHENGERI mu mwaka wa 2016-2017 uzatangira ku itariki ya 19 Nzeli 2016.

12) Hibukijwe ko buri mukozi wa INES-RUHENGERI yasabwe kurushaho kunoza serivisi aha abanyeshuri n'abandi bagana INES-RUHENGERI. Uzagaragaraho gutanga serivisi mbi azabihanirwa bikomeye.

13) Hemejwe ko buri mukozi wa INES-RUHENGERI akorerwa kandi akiyishyurira T-Shirt ya INES yo ku rwego rujyanye n'ubushobozi bwe.

14) Abari mu nama bashimye uburyo igikorwa cyo gusura Urwibutso rwa Murambi rwa Jenoside yakorewe Abatutsi cyagenze ku itariki ya 24/6/2016.

15) Hibukijwe ko igihe cyo kwesa imihigo y'Itorero Abadatetereza ba INES-RUHENGERI cyageze. Aba HoDs basabwe gutanga raporo y'uko imihigo yeshejwe muri Departments zabo bitarenze ku itariki ya 10/7/2016.

16) Hemejwe ko ibijyanye no kugoboka abakozi bagize ibyago cyangwa kwifatanya n'abagize ibirori bihariwe gusa amahuriro y'abakozi. INES-RUHENGERI ikazakomeza gufasha mu gutanga imodoka aho bikenewe nk'uko byari bisanzwe bikorwa. Bityo hemejwe ko buri mukozi wa INES-RUHENGERI azajya atanga muri Koperative INGOBOKA amafaranga igihumbi (1000 Frws) buri kwezi cyo kugobokana n'iyo yaba atarasanzwe ari umunyamuryango w'iyi Koperative. Amafaranga INES yajyaga itanga muri izi gahunda akaba akuweho.

17) Hibukijwe ko ntawemerewe gukoresha konti za INES mu nyungu ze bwite. Bityo hemejwe ko umunyeshuri uzajya anyuza amafaranga kuri konti ya INES agasaba kuyasubizwa azajya akatwa 10% yayo kugira ngo harihwe imirimo inyuranye bitera.

18) Hibukijwe ko imyifatire myiza igomba gukomeza kuranga abanyeshuri ba INES-RUHENGERI. Kwishora mu busambanyi, ubusinzi, ibiyobyabwenge, ubujuru n'izindi ngeso mbi zibatesha agaciro kandi zikababuza gukurikira amasomo yabo neza bagomba kuzamaganira kure. Abarimu basabwe gukomeza umurimo w'ubujyanama no gukurikiranira hafi abanyeshuri bafite ibibazo byihariye kandi hakaba ubufatanye bw'inzego zose zifite aho zihuriye n'imibereho myiza y'abanyeshuri

Bikorewe i Musanze, ku wa 30 Kamena 2016
Padiri Dr Fabien HAGENIMANA
Umuyobozi Mukuru wa INES-RUHENGERI

INSTITUT D'ENSEIGNEMENT SUPÉRIEUR DE RUHENGERI * INES *